REPUBURIKA Y'U RWANDA

URUKIKO RWISUMBUYE RWA RUBAVU

**ICYEMEZO CY'URUKIKO MU RUBANZA RP 00734/2020/TGI/RBV GITEGEKA UWIHISHE CYANGWA UWATOROTSE UBUTABERA KURWITABA.**

**Umwaka w'ibihumbi bibiri na makumyabiri na kabiri, umunsi wa Gatandatu w'ukwezi kwa Nyakanga ;**

**Twebwe MUNYAKAYANGE Jean Marie Vianney**, Umucamanza mu Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu, dufashijwe na **RUKUNDO Jean de Dieu**, Umwanditsi muri urwo Rukiko;

**Tumaze kubona** urubanza **RP 00734/2020/TGI/RBV**, Ubushinjacyaha ku rwego Rwisumbuye rwa Rubavu bukurikiranyemo **DUSABIMANA Fabien**, icyaha cy'ivangura, Gusenya inyubako n'ubujura, ruzaburanishwa ku wa **01/09/2022.**

**Tumaze kubona ko DUSABIMANA Fabien** mwene **BIZIYAREMYE** na **MUKARUZIMA Patricie** wavutse tariki ya 01/01/1975 mu Mudugudu wa Butinza, Akagari ka Rugogwe, Umurenge wa Muhororo, Akarere ka Ngororero, Intara y'Iburengerazuba, utarakatirwa n'inkiko bizwi, ubu akaba akurikiranywe nk'uwatorotse cyangwa uwihishe ubutabera.

**Dushingiye** ku **ngingo za 160 na 161** z'Itegeko N°027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'inshinjabyaha.

**Dutegetse DUSABIMANA Fabien kwitaba Urukiko Rwisumbuye rwa Rubavu ku wa 01/09/2022 saa mbili za mu gitondo,** ku cyicaro cyarwo mu murenge wa Gisenyi, kugira ngo aburanishwe, atakwitaba hakemezwa ko yasuzuguye amategeko, agacirwa urubanza adahari.

**Twemeje ko** mu rwego rwo kubimenyekanisha, iki cyemezo gitangazwa ku rubuga rw'Urukiko rw'Ikirenga n'ahagenewe amatangazo ku Rukiko Rwisumbuye rwa Rubavu.

**Twemeje ko** iki cyemezo kimanikwa ahagenewe kumanikwa amatangazo ku biro by'Umurenge wa Muhororo, no ku biro by'Akarere ka Ngororero.

Bikorewe i Rubavu mu mwaka, umunsi n'ukwezi byavuzwe haruguru.

| | |
|---|---|
| **Umucamanza** | **Umwanditsi** |
| **MUNYAKAYANGE JMV** | **RUKUNDO Jean de Dieu** |